JEF-056-410
Rev. 12-20
Paji ya 1 kuri 1

Leta ya Kentucky
Urukiko rw'ubutabera
*www.kycourts.gov*
KRS 431.078; RCr 8.08

**GUILTY PLEA AND JUDGMENT (MISDEMEANOR)**

**KWEMERA ICYAHA N'IMYAZURO Y'URUKIKO (ICYAHA CYOROHEJE)**

Dosiye Nomero. ________________
Urukiko ______ Ifasi ______
Intara ______ Jefferson ______
Akarere ________________

COMMONWEALTH OF KENTUCKY — UREGA

HAMWE

______________________________________ — UREGWA

1. Usobanukiwe ibirego uregwa n'uko ushobora kubyiregura uko ari ko kose? ❑ Yego ❑ Oya
2. Urifuza kuburana wemera icyaha? ❑ Yego ❑ Oya
3. Uzi ko ufite uburenganzira bwo:
   - •guceceka no kuburana utemera icyaha ❑ Yego ❑ Oya
   - •gutanga ingwatiramubili iringaniye ❑ Yego ❑ Oya
   - •iburanisha ryihuse kandi ribereye mu ruhame aho umushinjacyaha agomba kwemeza ko uhamwa n'icyaha ku buryo buda shidikanywaho ❑ Yego ❑ Oya
   - •kunyomoza ibibazo abatangabuhamya bagushinja ❑ Yego ❑ Oya
   - •guhamagara abatangabuhamya no gutanga ibimenyetso mu izina ryawe bikurengera ❑ Yego ❑ Oya
   - •kujurira ❑ Yego ❑ Oya

   kandi ko mu gihe uburanye wemera icyaha, uba wiyambuye ubwo burenganzira bwose? ❑ Yego ❑ Oya
4. Ubu, hari ibisindisha wanyoye nk'inzoga zisembuye, ibiyobyabwenge cyangwa itabi? ❑ Yego ❑ Oya
5. Wigeze cyangwa ubu uri kuvurwa uburwayi bwo mu mutwe? ❑ Yego ❑ Oya
6. Uzi ko ufite uburenganzira bwo gushaka umwunganizi mu by'amategeko? ❑ Yego ❑ Oya
7. Urabizi ko niba udashobora kwiyishyurira umwunganizi mu by'amategeko, ushobora kumuhabwa? ❑ Ntibijyanye ❑ Yego ❑ Oya
8. Urifuza kwiyambura uburenganzira bwo guhabwa umwunganizi mu by'amategeko? ❑ Ntibijyanye ❑ Yego ❑ Oya
9. Niba ufite umwunganizi mu by'amategeko, unyuzwe n'inama uwo mwunganizi mu by'amategeko akugira? ❑ Ntibijyanye ❑ Yego ❑ Oya
10. Hari uwigeze agutera ubwoba cyangwa aguhatira kuburana wemera icyaha cyangwa agusezeranya ikintu runaka kugira ngo uburane wemera icyaha? ❑ Yego ❑ Oya
11. Uri kuburana wemera icyaha ubizi, ufite ubwenge butekereza, ku bushake kandi nta gahato ushyizweho? ❑ Yego ❑ Oya
12. Wemereye Urukiko ko uhamwa n'icyaha(ibyaha) gikurikira/bikurikira ______________________________________________________________? ❑ Yego ❑ Oya
13. Urabizi ko iki gishobora kuba icyaha gihanwa hakurikijwe inshuro cyakozwe? ❑ Ntibijyanye ❑ Yego ❑ Oya
14. Urabizi ko hari izindi ngaruka zishobora kuba ku kuba waburanye wemera icyaha mur iki cyaha ushinjwa, harimo ariko zitagarukiye gusa ku: gusubizwa mu gihugu waturutsemo, kubuzwa ku rwego rw'igihugu gutunga imbunda ku bantu benshi bashinjwe ihohoterwa rikorerwa mu ngo, kubuzwa kubona impushya za kinyamwuga zimwe na zimwe n'ubufasha bwa leta mu kwishyura icumbi? ❑ Yego ❑ Oya
15. Urabizi ko ushobora gutanga ubusabe bwo kuvanaho iki kirego mu makuru abitse yawe igihe cyose wujuje ibisabwa byagenwe n'Amategeko Avuguruye ya leta ya Kentucky? ❑ Yego ❑ Oya

______________________________
Uregwa

______________________________
Umwunganizi mu by'amategeko w'Uregwa (niba ahari)

Itariki: ______________________, 2______

Kumenya ko kwemera icyaha bikorwa umuntu abizi, afite ubwenge, ku bushake kandi nta n'agahato gashyizwe k'Uregwa, **Urukiko rwemeye kwemera icyaha k'Uregwa** ku byaha aregwa aho Uregwa yaburanye yemera icyaha. Kuri iyi tariki **Urukiko rusanze** ko Uregwa **AHAMWE N'IBYAHA** byavuzwe haruguru cyangwa ibyaha byavuguruwe.

______________________________
Umucamanza

Igabana: Dosiye y'Urukiko Uregwa/Umwuganizi mu by'amategeko

FOR INFORMATIONAL PURPOSES ONLY. NOT AN OFFICIAL COURT DOCUMENT.
KU MPAMVU ZO KUMENYESHA AMAKURU GUSA. NTABWO ARI INYANDIKO YEMEWE Y'URUKIKO.